RSB
Rwanda Standards Board
ISO 9001 Certified

Kigali: ..29/01/2025.........

Reference: 1678/RSB/DG/NSD/20..

**ITANGAZO**

**Guhamagarira ababyifuza kwitabira amahugurwa ku buzima n'umutekano ku kazi hashingiwe ku ibwiriza ry'ubuziranenge RS ISO 45001: 2018**

Ikigo cy'Igihugu Gitsura Ubuziranenge (RSB) cyateguye amahugurwa ashingiye ku ibwiriza ry'ubuziranenge **RS ISO 45001: 2018** rirebana n' ibisabwa mu kubungabunga ubuzima n'umutekano w'abakozi mu kazi.

Abazitabira ayo mahugurwa bazahabwa ubumenyi bwimbitse buzabafasha kumenya neza ibisabwa n'iri bwiriza ry'ubuziranenge ryavuzwe haruguru, bityo bibafashe gushyiraho uburyo buboneye bwo kubungabunga ubuzima n'umutekano mu kazi ndetse no gukumira indwara n'impanuka byose bituruka ku murimo.

Ni muri urwo rwego RSB ihamagarira ibigo bya Leta, iby'abikorera ndetse n'abikorera ku giti cyabo babyifuza kwiyandikisha basaba kwitabira aya mahugurwa azamara iminsi itanu (5) ateganijwe gutangira ku wa **17 kugeza 21 Gashyantare 2025**, akazabera i Huye kuri Hotel Mater Boni Consilii.

Abiyandikisha buzuza ifishi iboneka unyuze ku murongo https://forms.gle/JHJg772yPtpnLT6Q6 bitarenze tariki ya **4 Gashyantare 2025**. Ibigo byifuza kwandikisha abakozi babyo bisabwe kuzuriza buri wese ifishe ye.

Ku byerekeranye n'ikiguzi cyo kwitabira aya mahugurwa ndetse n'ibindi bisobanuro mwahamagara **MUKABAYIZERE Denyse Joy** kuri telephone ngendanwa **+250788212673** cyangwa mukamwandikira kuri email **dj.mukabayizere@rsb.gov.rw.**

Bikorewe i Kigali ku wa ..29/..01./2025

RWANDA STANDARDS BOARD (RSB)
REPUBULIKA Y'U RWANDA

**MURENZI Raymond**
**Umuyobozi Mukuru**

**KK 15 Rd, 49**
**Hotline: 3250**

**P.O.BOX 7099, Kigali, Rwanda**
**Email: info@rsb.gov.rw**

**Telephone: (+250)788303492**
**Website: www.rsb.gov.rw**